# Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) hagati yo kubama kombi (Sadj'datayni) yakundaga kuvuga iti: "ALLAHUMA GH'FIR LII, WAR'HAM'NII, WA AFINII, WAH'DINII, WAR'ZUQNII: Mana Nyagasani mbabarira, ungirire impuhwe, umpe ubuzima, unyobore, unampe amafunguro

Hadithi yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) hagati yo kubama kombi (Sadj'datayni) yakundaga kuvuga iti: "ALLAHUMA GH'FIR LII, WAR'HAM'NII, WA AFINII, WAH'DINII, WAR'ZUQNII: Mana Nyagasani mbabarira, ungirire impuhwe, umpe ubuzima, unyobore, unampe amafunguro."

[Hadithi nziza ushingiye ku bandi bayakiriye] [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhi, na Ibun Madjah, ndetse na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba hagati y'ukubama kubiri (Sadj'datayni) iri gusali igakoresha ubu busabe bw'ibintu bitanu umuyisilamu acyeneye mu buryo bukomeye. Bukaba bukusanyirije hamwe ibyiza byo muri iyi si ndetse no ku munsi w'imperuka, aribyo gusaba kubabarirwa, guhishirwa ibyaha no kubibabarirwa, guhabwa impuhwe za Allah, kurindwa irari n'ibiteye urujijo ndetse n'indwara n'ibyorezo, no gusaba Allah kuyoboka inzira y'ukuri no kuyishikamaho, no guhabwa ingabire z'ukwemera, n'ubumenyi ndetse n'ibikorwa byiza n'umutungo uziruye mwiza.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee